Nta muntu mushya wanduye COVID19 wagaragaye uyu munsi mu ntara. Kugeza ubu, New Brunswick ifite abantu 17 banduye. Aba bose ni abafitanye isano n'ingendo bakoreye mu mahanga cyangwa uwemejwe ko yakoreye urugendo hanze y'intara.

Dr Jennifer Russell, umuyobozi w'urwego rw'ubuzima, arashimira abaturage ba New Brunswick ku bw'ubushake bakomeje kugaragaza mu kugabanya ikwirakwira ry'icyorezo kandi anazirikana ibyo mwigomye mu kugabanya umuvuduko w'icyorezo.

Arashimira kandi ubwitange bw'abaganga n'abandi bakora mu rwego rw'ubuganga.

Yagize ati: "*Tugomba kurinda abakora mu buganga, kugirango bakomeze gukora uyu murimo w'ingenzi". "Iyo dufashe ibyemezo mu kugabanya ikwirakwira ry'icyorezo, mubo turi kurinda harimo ni abakozi bari ku isonga kandi bari mu kanga muri ibi bihe. Nuguma mu rugo kandi ukubahiriza kutajya mu bantu benshi, ntabwo uba wirinze gusa, uba unarinze abantu bashobora gukiza ubuzima".*

Russell kandi yatangaje ko laboratwari y'ibitaro bya kaminuza Dr Georges-L Dumont iri Moncton ubu ishobora gutanga icyemezo cyanyuma ku isuzumwa iryariryo ryose ryakorewe muri New Brunswick, bitabaye ngombwa kubyohereza muri laboratwari nkuru iri Winnipeg. Ibi bizihutisha isuzumwa n'uburyo bwo kwemeza ibisubizo mu ntara. Nyuma y'uko isuzumwa ryari ryaramaze koherezwa rigarutse, intara izabasha gutangaza ibisubizo bidakenewe ko hitabazwa urundi rwego.

"*Ni ngombwa ko dukurikira abagize aho bahurira n'abamaze kwemezwa ko banduye COVID-19" mu magambo ya Russell. Ubwandu bwa COVID-19 ku kirwa cya Prince Eduard bufite ingaruka muri New Brunswick. Umurwayi yagaragaje ibimenyetso bya COVID-19 tariki 16 Werurwe ubwo yari mu rugendo ava Toronto yerekeza Moncton mu ndege WestJet 3456. Twizeye ko urwego rw'ubuzima rwa PEI rwafashe amakuru akeneye mu gushakisha abantu bari muri iyo ndege, gusa turasaba umuntu uwariwe wese wari muri iyo ndege ko agomba mu buryo bwihuse kwishyira mu kato mu gihe cy'iminsi 14".*

Premier Blaine Higgs yashimiye abakoresha bakiriye itangazo ry'ibihe bidasanzwe n'itegeko ryo kubanza kwita ku buzima n'umutekano w'abakozi babo, ababagana n'abaturage ba New Brunswick muri rusange.

Higgs yagize: "*Urwego rushinzwe umutekano w'abaturage rwakomeje kugenzura ibikorwa mu ntara yose busanga ku kigero cya 94% bubahiriza ibyo basabwe".*

"*Nta muntu numwe wifuza ko iri tegeko rikomezwa n'ibihano, gusa twiteguye gukora igishoboka cyose kugirango buri wese aryubahirize".* Akomeza agira ati*: "By'umwihariko, duhangayikishijwe n'abafite ibikorwa byabo bakomeje gukora birengagije iri tegeko ndetse n'abantu kugiti cyabo bagombye kwishyira mu kato batari kubikora. Ntabwo turi kubasaba gukora ibi mu buryo bworoheje. Gusa ni itegeko ko abakora ibikorwa bitari iby'ingenzi bakurikiza itegeko niba dushaka kugabanya umubare w'ubwandu".*

Amakuru agezweho arebana na COVID-19 aboneka kuri murandasi.

Andi makuru arebana na virus agizwe:

Amakuru kuri telefone cg email

Umutongo utishyurwa na aderesi ya email bitanga serivisi mu ndimi zombi, byashyizweho mu rwego gufasha gusubiza ibibazo biterekeranye n'ubuzima, birimo ibibazo by'uko wakubahiriza ibihe bidasanzwe. Iyo nimero ni **1-844-462-8387** ikora iminsi irindwi (7) mu cyumweru kuva saa mbili n'igice za mugitondo kugeza saa kumi n'igice z'igicamunsi. Aderesi ya email ni helaide@gnb.ca.
Ibirebana n'umutekano w'ahakorerwa bigomba gukomeza kurebwa na WorkSafeNB.

Service New Brunswick

Service New Brunswick itanga serivisi zirenga 400 ku baturage mu mwanya w'izindi nzego za leta n'ibigo. Ibyinshi muri ibi bishobora kuboneka kuri murandasi cyangwa mu buryo bw'amashusho. Bidakuyeho ko hari serivisi zitangwa umuntu ahibereye.

Uyu munsi, hamwe mu hatangirwa izo serivisi hafunguye kugirango hatangwe serivisi zikenewe. Abahagana bazabanza gupimwa mbere yo kwinjira ahatangirwa serivisi, niba kandi ibyo bakeneye atari iby'ingenzi cyangwa se byakorwa binyuze kuri murandasi cyangwa terefoni, ntibazemererwa kwinjira. Serivisi z'ingenzi zitangirwa ahabugenewe ziboneka ku rubuga rutanga serivisi rwa New Brunswick.